**IJAMBO RYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA**
**MU MUHANGO WO GUTANGIZA URUBUGA RW'AMATEGEKO Y'U RWANDA**
***Kigali, ku wa 25 Ugushyingo 2022***

- Madamu Minisitiri w'Ikoranabuhanga mu Itumanaho no guhanga Ibishya;
- Madamu Munyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutabera ushinzwe ibyerekeye Itegeko Nshinga n'andi Mategeko;
- Madamu Perezida wa Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko;
- Bakomiseri ba Komisiyo y'u Rwanda ishinzwe Ivugururwa ry'Amategeko;
- Batumirwa mwese turi kumwe muri uyu muhango;

Mbaje kubasuhuza, mwaramutse neza!

Munyemerere ntangire nshimira cyane abagize uruhare bose mu kubaka uru rubuga rw'ikoranabuhanga rumurikwa none www.amategeko.gov.rw ruzadufasha kubona byoroshye ibijyanye n'amategeko.

Byagaragaye ko amategeko ashyirwaho mu Gihugu afasha mu kubumbatira imibanire myiza mu bantu, amahoro, umutekano n'iterambere mu rwego rw'ubukungu. Bityo, igifasha mu kuyamenyekanisha kiba gifashije mu kugera ku nteko zituma amategeko ashyirwaho.

Nk'uko mubizi, Leta y'u Rwanda yiyemeje kubaka igihugu kigendera ku mategeko. Kandi ihame ryo kugendera ku mategeko risaba ko amategeko akoreshwa mu gihugu abonwa ku buryo bworoshye n'abagomba kuyakurikiza no kuyashyira mu bikorwa.

Mu bihe bitandukanye hagiye habaho ingamba zo gutangaza no kumenyekanisha amategeko, guhera kuri *Codes et Lois du Rwanda*, gutangaza amategeko mu Igazeti ya Leta igurirwa muri *Primature* kugeza ubu aho amategeko ushobora kuyabona kuri *website* ya MINIJUST. Ibi byanakozwe no mu gutangaza Ibyegeranyo by'Ibyemezo by'Inkiko aho ubu ushobora kubibona kuri *website* w'Urwego rw'Ubucamanza.

Intego y'iki gikorwa rero akaba ari ukumenyesha abaturarwanda muri rusange, abanyamategeko ndetse n'abakoresha amategeko bose ko hari

urubuga rw'ikoranabuhanga babonaho amategeko bifuza ndetse n'imanza zitanga umurongo ku bibazo bitandukanye.

Uru rubuga akaba ari ikintu cy'ingenzi gituma ihame ryo kugendera ku mategeko rirushaho kubahirizwa.

Byakarusho kuba kuri uru rubuga hatariho amategeko gusa ahubwo hakabaho n'imanza zagiye zitanga umurongo ku bibazo runaka bizafasha mu butabera kubera ko izo manza zigaragaza uko amategeko yashyizweho asobanurwa agahuzwa n'ibyo agenga mu mikorere (*practice*).

Ntagushidikanya rero ko uru rubuga rw'ikoranabuhanga rufite akamaro mu rwego rw'ubutabera, ndetse n'izindi nzego zose.

Icyo nsorezaho rero ni ugusaba ko habaho gukurikirana bihoraho uru rubuga ku buryo ibiriho bihora bihuzwa n'igihe yaba amategeko cyangwa imanza nshya zitanga umurongo zaciwe, kugira ngo rurusheho gufasha abarusura (*website update*).

Ndasaba kandi abateraniye hano twese kurushaho kumenyekanisha uru rubuga ku bo dukorana dushishikariza abantu muri rusange kurukoresha kugira ngo rubyazwe umusaruro.

**Nkaba ntangije ku mugaragaro urubuga [www.amategeko.gov.rw](http://www.amategeko.gov.rw)**.

Murakoze, mugire amahoro.